



Amajwi y'utunyoni twa mu gitondo

Il cinguettio degli uccelli al mattino

✎ LIDA Portugal

👤 Vilius Aistis Vilimas

💬 Abisange Iragena Sandrine

📶 5

💬 Ikinyarwanda rw / Italiano it



Yulia, umugabo we n'umukobwa wabo muto bari batuye mu gace gato, gatuje k'icyaro muri Ukraine. Yulia yakundaga gukangurwa n'utunyoni turirimba buri gitondo. Ntabwo yigeze atekereza ko yatura kure y'umuryango we, cyangwa ngo abeho atumva amajwi y'utunyoni mu gitondo.

. . .

Yulia, suo marito e la loro bambina vivevano in un piccolo villaggio tranquillo in Ucraina. Yulia amava svegliarsi al mattino col canto degli uccelli. Non avrebbe mai pensato di vivere lontano da casa e di non essere svegliata, al mattino, dal cinguettio degli uccelli.



Umugabo we yahoraga yitotombera ikibazo cy'ubukene, maze atangira kuba umusinzi. Biyemeje kujya kugerageza amahirwe muri Porutigali. Ahari ho bari kuhabona amafaranga menshi yo kubaka inzu maze umuryango wabo ukazagira ejo heza.

. . .

Suo marito si lamentava sempre di non avere abbastanza denaro e cominciò a ubriacarsi. Decisero di tentare la fortuna in Portogallo. Forse lì avrebbero potuto guadagnare di più, costruire una casa e un futuro migliore per la loro famiglia.



Yulia yatangiye kumenyera ubuzima bushya, maze atangira gukora akazi ko gukora amasuku. Abakoresha be bishimiye cyane uburyo akora akazi ke neza ndetse n'ikinyabupfura yagiraga. Ku rundi ruhande, umugabo we yakomeje kwitwara nabi. Kubera ubusinzi bwe, abakoresha ntibamwizeraga ngo bamuhe akazi.

. . .

Yulia si adattò bene alla nuova casa, e cominciò a lavorare come donna delle pulizie. I suoi clienti apprezzavano molto il suo duro lavoro e il suo atteggiamento educato. Suo marito, invece, si sentiva sempre più emarginato. A causa del bere, i datori di lavoro non si fidavano di lui e non gli davano lavoro.



Umunsi umwe, yatangiye gutonganya Yulia. Ndetse yatangiye kujya amukubita. Intonganya no kurwana byarushijeho gukabya, cyane cyane iyo yabaga yasinze. Yulia yari ahangayikiye ubuzima bwe n'ubw'umwana we, ariko ntiyari azi icyo yakora.

. . .

Un giorno cominciò a gridare contro Yulia. Poi prese a spintonarla. Le urla e le botte si intensificarono, specialmente quando era ubriaco. Yulia aveva paura per sé e per sua figlia, ma non sapeva cosa fare.



Ubwo Yulia yajyaga mu bitaro yavunitse akaboko, bamubwiye ko ihohoterwa rikorerwa mu ngo ari ikibazo gikomeye muri Porutigali. Banamubwiye kandi ko ari icyaha, akaba agomba kubibwira polisi.

. . .

Quando Yulia finì al Pronto Soccorso con un braccio rotto, le dissero che la violenza domestica era un grande problema in Portogallo. Le dissero anche che era un crimine, e che lei avrebbe dovuto denunciarlo alla polizia.



Yulia yari arambiwe kandi ntiyashakaga ko umukobwa we akurira mu rugo ruhoro urugomo. Yulia yasobanukiwe ko ibimenyetso by'ihohoterwa byahoze bihari n'ubwo byagaragaraga mu buryo butandukanye.

. . .

Yulia era esausta e non voleva che sua figlia crescesse in una casa dove era testimone di violenze quotidiane. Si rese conto che i segni degli abusi c'erano sempre stati, anche se in forme diverse.



Yulia yagiye mu kigo cyita ku bagore bahohotewe, aho yongeye kumva atekanye nyuma y'igihe kinini. Ntabwo yari aherutse kwiyumva atyo ubwo yajyaga akangurwa n'amajwi y'utunyonu mu gitondo.

. . .

Yulia andò ad un centro di accoglienza per donne, dove si sentì più al sicuro di quanto le fosse accaduto da molto tempo. Non si sentiva così da quando si svegliava al canto degli uccelli al mattino.



LIDA Stories

lidastories.net

Amajwi y'utunyonni twa mu gitondo

Il cinguettio degli uccelli al mattino



LIDA Portugal



Vilius Aistis Vilimas



Abisange Iragena Sandrine (rw), Andrea Ciasca Marra (it)

